**ITEGEKO N°59/2008 RYO KUWA 10/09/2008 RIKUMIRA KANDI RIHANA IHOHOTERWA IRYO ARI RYO RYOSE RISHINGIYE KU GITSINA**

**<u>ISHAKIRO</u>**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo itegeko rigamije**

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ibisobanuro by'amagambo**

**<u>UMUTWE WA II</u>: GUKUMIRA NO KURINDA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA**

**<u>Ingingo ya 3</u>: Gukangisha kubura ibyo afiteho uburenganzira**

**<u>Ingingo ya 4</u>: Kubuza umudendezo uwo bashyingiranywe**

**<u>Ingingo ya 5</u>: Gukoresha ku gahato imibonano mpuzabitsina uwo bashyingiranywe**

**<u>Ingingo ya 6</u>: Ihohoterwa nk'impamvu y'ubutane**

**<u>Ingingo ya 7</u>: Kurinda umwana ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

**LAW N°59/2008 OF 10/09/2008 ON PREVENTION AND PUNISHMENT OF GENDER- BASED VIOLENCE**

**<u>TABLE OF CONTENTS</u>**

**<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of the Law**

**<u>Article 2</u>: Definitions of terms**

**<u>CHAPTER II</u>: PREVENTION AND PROTECTION AGAINST GENDER-BASED VIOLENCE**

**<u>Article 3</u>: Threatening by way of deprivation of certain rights**

**<u>Article 4</u>: Distorting tranquility of one's spouse**

**<u>Article 5</u>: Conjugal rape**

**<u>Article 6</u>: Violence as the cause of divorce**

**<u>Article 7</u>: Protecting a child against gender based violence**

**LOI N°59/2008 DU 10/09/2008 PORTANT PREVENTION ET REPRESSION DE LA VIOLENCE BASEE SUR LE GENRE**

**<u>TABLE DES MATIERES</u>**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier</u>: Objet de la loi**

**<u>Article 2</u>: Définitions des termes**

**<u>CHAPITRE II</u>: PREVENTION ET PROTECTION CONTRE LA VIOLENCE BASEE SUR LE GENRE**

**<u>Article 3</u> : Menace de priver une personne de ses droits**

**<u>Article 4</u>: Atteinte à la tranquilité du conjoint**

**<u>Article 5</u> : Viol conjugal**

**<u>Article 6</u>: Sévices comme cause de divorce**

**<u>Article 7</u> : Protection de l'enfant contre la violence basée sur le genre**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Ikiruhuko cy'ububyeyi** | **Article 8: Maternity leave** | **Article 8 : Congé de maternité** |
| **Ingingo ya 9: Uburenganzira bw'umugore utwite cyangwa wabyaye** | **Article 9: Rights of a pregnant woman or of a woman who delivers** | **Article 9 : Droits d'une femme enceinte ou qui a accouché** |
| **Ingingo ya 10: Kurinda ihohoterwa, gutabara no kwita ku bahohotewe** | **Article 10: Preventing violence and catering for the victims of violence** | **Article 10 : Prévention et d'assistance de la violence et assistance aux victimes de la violence** |
| **Ingingo ya 11: Gukumira ibikorwa by'urukozasoni** | **Article 11: Prevention of indecent acts** | **Article 11 : Prévention contre actes d'outrage aux bonnes mœurs** |
| **UMUTWE WA III: IMANZA N'IBIHANO BY'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA** | **CHAPTER III: CASES AND PENALTIES FOR GENDER BASED VIOLENCE** | **CHAPITRE III : PROCES ET PEINES CONTRE LA VIOLENCE BASEE SUR LE GENRE** |
| **Icyiciro cya mbere: Imanza z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina** | **Section One: Cases relating to gender based violence** | **Section première : Procès en matière de violence basée sur le genre** |
| **Ingingo ya 12: Aho urubanza ruburanishirizwa** | **Article 12: Place of hearing** | **Article 12 : Lieu de jugement du procès** |
| **Ingingo ya 13: Itangwa ry'ubuhamya n'ibimenyetso** | **Article 13: Production of evidences and testimonies** | **Article 13 : Administration du témoignage et de la preuve** |
| **Icyiciro cya 2: Ibihano by'ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina** | **Section 2: Penalties for gender based violence offences** | **Section 2 : Peines pour infractions de violence basée sur le genre** |
| **Ingingo ya 14: Igihano cy'icyaha cy' ubusambanyi** | **Article 14: Penalty for adultery** | **Article 14 : Peine pour cause d'adultère** |
| **Ingingo ya 15: Gukurikirana icyaha cy'ubusambanyi** | **Article 15: Prosecution for adultery** | **Article 15 : Poursuites de l'infraction d'adultère** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Igihano cy'uwafashe undi ku ngufu** | **<u>Article 16</u>: Penalty for rape** | **<u>Article 16</u> : Peine pour viol** |
| **<u>Ingingo ya 17:</u> Igihano cy'uwateruye cyangwa wagize uruhare mu guterura** | **<u>Article 17</u>: Penalty for abduction** | **<u>Article 17</u>: Peine pour rapt ou complicité du rapt** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Igihano cy'utita ku mwana hashingiwe ku gitsina** | **<u>Article 18</u>: Penalty for child neglect because of his/her sex** | **<u>Article 18</u>: Peine pour délaissement de l'enfant en raison de son sexe** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Igihano cy'ukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato uwo bashyingiranywe** | **<u>Article 19</u>: Penalty for conjugal rape** | **<u>Article 19</u> : Peine pour viol conjugal** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Igihano cy'uhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe** | **<u>Article 20</u>: Penalty for harassing one's spouse** | **<u>Article 20</u> : Peine pour harcèlement du conjoint** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Igihano cy'uwagaragaweho igikorwa cy'ubushoreke** | **<u>Article 21</u>: Penalty for concubinage** | **<u>Article 21</u> : Peine pour concubinage** |
| **<u>Ingingo ya 22:</u> Igihano cy'ubuharike** | **<u>Article 22</u>: Penalty for polygamy** | **<u>Article 22</u> : Peine pour polygamie** |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Igihano cy'uwigarurira umuntu hagamijwe kwishimisha** | **<u>Article 2</u>3 Penalty for sexual slavery** | **<u>Article 23</u> : Peine pour harcèlement sexuel** |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Igihano cy'uhoza uwo akuriye mu kazi ku nkeke bishingiye ku gitsina** | **<u>Article 24</u>: Penalty for sexual harassment of one's subordinate** | **<u>Article 2</u>4: Peine pour harcèlement sexuel envers son subalterne** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Igihano cy'uwishe uwo bashyingiranywe** | **<u>Article 25</u>: Penalty for someone who kills his/her spouse** | **<u>Article 25</u> : Peine pour meurtre du conjoint** |
| **<u>Ingingo ya 26:</u> Igihano cy'ubuza umudendezo uwo bashyingiranywe ashingiye ku gitsina** | **<u>Article 26</u>: Penalty for distorting tranquility of one's spouse on sexual grounds** | **<u>Article 2</u>6: Peine pour atteinte à la tranquilité de son conjoint pour des raisons sexuelles** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Igihano cy'uwangiza imyanya** | **<u>Article 27</u>: Penalty for sexual torture** | **<u>Article 27</u> : Peine pour torture sexuelle** |

**ndangagitsina**

**Ingingo ya 28: Igihano cy'ucuruza abantu bishingiye ku gitsina**

**Ingingo ya 29: Igihano cy'uwanduza umuntu indwara idakira yabigambiriye**

**Ingingo ya 30: Igihano cy'ihohoterwa rikoresheje imiti, ibiyobyabwenge, amashusho, ibimenyetso, imvugo cyangwa inyandiko**

**Ingingo ya 31: Igihano cy'ibikorwa by'urukozasoni bishingiye ku gitsina**

**Ingingo ya 32: Igihano cy'ihohoterwa rikorewe ugeze mu za bukuru**

**Ingingo ya 33: Igihano cy'ihohoterwa rikorewe ufite ubumuga**

**Ingingo ya 34: Igihano cy'ihohoterwa rigamije gutesha umuntu agaciro cyangwa kugatesha umurimo we**

**Ingingo ya 35: Igihano cy'ihohoterwa rikoresheje ibikangisho byo gutakaza ibyo ufiteho uburenganzira**

**Ingingo ya 36: Igihano cy'uwanga gutabara uwahohotewe cyangwa uwanga gutanga ubuhamya ku ihohoterwa**

**Ingingo ya 37: Igihano cy'uwabeshyeye undi**

**Article 28: Penalty for gender based human trafficking**

**Article 29: Penalty for intentionally transmitting a terminal disease**

**Article 30: Violence stirred up by the use narcotic drugs, pictures, signs, language or writing**

**Article 31: Penalty for committing sexually indecent acts**

**Article 32: Penalty for violence against an eldery person**

**Article 33: Penalty for violence against a handicapped person**

**Article 34: Penalty for defaming a person or his/her job**

**Article 35: Penalty for violence on the grounds of depriving someone of his/her rights**

**Article 36: Penalty for a person refusing to assist the victim of violence or to testify over the violence**

**Article 37: Penalty for lying against**

**Article 28: Peine pour trafic sexuel de personnes**

**Article 29: Peine pour contamination volontaire d'une maladie incurable**

**Article 30: Peine pour violence causée par l'usage des médicaments, des stupéfiants, des images, des gestes, de langages ou écrits**

**Article 31: Peine pour outrage aux bonnes moeurs basées sur le genre**

**Article 32: Peine pour violence contre les personnes âgées**

**Article 33: Peine pour violence contre les personnes handicapées**

**Article 34: Peine pour violence visant la diffamation d'une personne ou de son travail**

**Article 35: Peine pour violence basée sur les menaces de perte de ses droits**

**Article 36: Peine pour non assistance à la victime de la violence ou refus de témoigner sur la violence**

**Article 37: Peine pour fausse accusation de**

**icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

**somebody of having committed gender based violence**

**violence basée sur le genre**

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 38: Indishyi**

**Ingingo ya 39: Ishyingiranwa n'igabana ry'umutungo w'ababanaga ku buryo butemwe n'amategeko**

**Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 41: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 38: Damages**

**Article 39: Legalizing unlawful marriages and commun assets distribution**

**Article 40: Abrogating provisions**

**Article 41: Commencement**

**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 38 : Dommages et intérêts**

**Article 39: Légalisation d'unions illégales et partage de biens communs**

**Article 40: Disposition abrogatoire**

**Article 41 : Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N°59/2008 RYO KUWA 10/09/2008 RIKUMIRA KANDI RIHANA IHOHOTERWA IRYO ARI RYO RYOSE RISHINGIYE KU GITSINA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 23 Nyakanga 2008;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 15 Nyakanga 2008 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruye kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9, iya 10, iya 11, iya 15, iya 16, iya 17, iya 22, iya 26, iya 27, iya 28, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 118 n'iya 201;

**LAW N°59/2008 OF 10/09/2008 ON PREVENTION AND PUNISHMENT OF GENDER- BASED VIOLENCE**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 23 July 2008;

The Senate, in its session of 15 July 2008;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended todate, especially in Articles 9, 10, 11, 15, 16, 17, 22, 26, 27, 28, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118 and 201;

**LOI N° 59/2008 DU 10/09/2008 PORTANT PREVENTION ET REPRESSION DE LA VIOLENCE BASEE SUR LE GENRE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 23 juillet 2008;

Le Sénat, en sa séance du 15 juillet 2008;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 9, 10, 11, 15, 16, 17, 22, 26, 27, 28, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118 et 201;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yo ku wa 19 Ukuboza 1966 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 8/75 ryo ku wa 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo ku wa 19 Ukuboza 1966 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 8/75 ryo ku wa 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore yo ku ya mbere Gicurasi 1980 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 431/16 ryo ku wa 10/11/1981;

Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage yo 27 Kamena 1981 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 10/1983 ryo ku wa 17/05/1985;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana yo ku wa ku wa 20 Ugushyingo 1989 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 773/16 ryo ku wa 19/09/1990;

Ishingiye ku Itegeko-teka n° 21/77 ryo ku wa 18/08/1977 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana;

Ishingiye ku Itegeko n° 42/1988 ryo ku wa 27/10/1988 rishyiraho Interuro y'Ibanze n'Igitabo cya Mbere cy'Urwunge

Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights of 19 December 1966 ratified by the Presidential Order n° 8/75 of 12/02/1975;

Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 19 December 1966 ratified by the Presidential Order n° 8/75 of 12/02/1975;

Pursuant to the International Convention on Elimination of all Forms of Discrimination against Women of May 1, 1980 ratified by the Presidential Order n° 431/16 of 10/11/1981;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights of 27 June 1981 ratified by the Presidential Order n° 10/1983 of 17/05/1985;

Pursuant to the International Convention on the Rights of the Child of November 20, 1989 ratified by the Presidential Order n° 773/16 of September 19/09/1990;

Pursuant to the Decree-law n° 21/77 of 18/08/1977 establishing the Penal Code;

Pursuant to Law n° 42/1988 of 27/10/1988 instituting the Preliminary Title and Book One of the Civil Code;

Vu le Pacte international relatif aux droits civils et politiques du 19 décembre 1966 ratifié par Arrêté Présidentiel n° 8/75 du 12/02/1975;

Vu le Pacte international relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 19 décembre 1966 ratifié par Arrêté Présidentiel n° 8/75 du 12/02/1975;

Vu la Convention Internationale sur l'Elimination de toutes les formes de Discrimination à l'égard des Femmes du 1er mai 1980 ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 431/16 du 10/11/1981 ;

Vu la Charte africaine de droits de l'homme et des peuples du 27 juin 1981 ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 10/1983 du 17/05/1985;

Vu la Convention Internationale relative aux droits de l'enfant du 20 novembre 1989 ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 773/16 du 19/09/1990;

Vu le Décret-loi n° 21/77 du 18/08/1977 portant code penal;

Vu la Loi n° 42/1988 du 27/10/1988 instituant le Titre Préliminaire et Livre Premier du Code Civil;

rw'Amategeko Mbonezamubano;

Ishingiye ku Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya Mbere cy'Urwunge rw'Amategeko Mbonezamubano kandi rishyiraho Igice cya V cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura;

Ishingiye ku Itegeko n° 51/2001 ryo ku wa 30/12/2001 rishinga amategeko agenga umurimo;

Ishingiye ku Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28/04/2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa;

Ishingiye ku Itegeko n° 22/2002 ryo ku wa 09/07/2002 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta**;**

Ishingiye ku Itegeko n°13/2004 ryo ku wa 17/05/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo;

**YEMEJE:**

Pursuant to Law n° 22/99 of 12/11/1999 to supplement Book One of the Civil Code and to institute Part V regarding matrimonial regimes, liberalities and succession;

Pursuant to Law n° 51/2001 of 30/12/2001 establishing the Labour Code;

Pursuant to Law n° 27/2001 of 28/04/2001 relating to rights and protection of the child against violence;

Pursuant to Law n° 22/2002 of 09/07/2002 establishing general statutes for Rwanda Public Service;

Pursuant to Law n° 13/2004 of 17/05/2004 relating to the code of criminal procedure as modified and complemented to date;

Pursuant to Law n° 15/2004 of 12/06/2004 relating to evidence and its production;

**ADOPTS:**

Vu la Loi n° 22/99 du 12/11/1999 complétant le Livre Premier du Code Civil et instituant la Partie V relative aux régimes matrimoniaux, aux libéralités et aux successions;

Vu la Loi n° 51/2001 du 30/12/2001 portant code du travail;

Vu la Loi n° 27/2001 du 28/04/2001 relative aux droits et à la protection de l'enfant contre les violences;

Vu la Loi n° 22/2002 du 09/07/2002 portant statut général de la Fonction Publique Rwandaise;

Vu la Loi n° 13/2004 du 17/05/2004 portant code de procédure pénale telle que modifiée et complétée à ce jour;

Vu la Loi n° 15/2004 du 12/06/2004 portant modes et administration de la preuve;

**ADOPTE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo itegeko rigamije**

Iri tegeko rigamije gukumira no guhana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **ihohoterwa rishingiye ku gitsina:** igikorwa icyo ari cyo cyose gikorerwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina no ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsinagore cyangwa uw'igitsinagabo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo;

2° **Ubushyingiranwe:** amasezerano yo kubana hagati y'umugore n'umugabo akozwe mu buryo bwemewe n'amategeko;

3° **ubuharike:** ukugira amasezerano ya kabiri (2) y'ubushyingiranwe aya mbere agifite agaciro;

4° **ubushoreke :** imibanire nk'umugabo n'umugore ku buryo buhoraho, ku bantu batashyingiranywe, **umwe muri bo afite**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of the Law**

This Law is aimed at preventing and suppressing the gender- based violence

**Article 2: Definitions of terms**

Under this Law, the following terms shall have the following definitions :

1° **gender based violence:** any act that results in a bodily, psychological, sexual and economic harm to somebody just because they are female or male. Such act results in the deprivation of freedoom and negative consequences. This violence may be exercised within or outside households them.

2° **marriage :** contract entered between a man and a woman in accordance with the law;

3° **polygamy:** the fact that one person marries a second spouse while the marriage with the first one is still valid.

4° **concubinage:** the fact that two people live permanently as if they were spouses though they are not married while one of

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la loi**

La présente loi porte prévention et répression de toute forme de violence basée sur le genre.

**Article 2: Définitions des termes**

Au sens de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes :

1° **violence basée sur le genre :** tout acte exercé contre la personne que ce soit de caractère physique, psychologique, sexuel et économique du fait qu'elle est du genre feminin ou masculin. Un tel acte cause une privation de liberté et de mauvaises conséquences. Cette violence peut être commise à la maison ou ailleurs;

2° **mariage** : un contrat d'union entre une femme et un homme conclu conformément à la loi ;

3° **polygamie :** le fait de contracter un deuxième mariage pendant que le premier mariage est encore valide ;

4° **concubinage :** union de fait entre un homme et une femme alors qu'ils ne sont pas mariés, l'un d'eux étant légalement marié.

**uwo bashyingiranywe;**

5° **Ubusambanyi :** imibonano mpuzabitsina ikozwe n'uwashyingiwe akayikorana n'uwo batashyingiranywe;

6° **gufata ku ngufu:** ugukoresha undi muntu imibonano mpuzabitsina nta bwumvikane bubayeho, hakoreshejwe imbaraga, iterabwoba, amayeri n'ibindi;

7° **gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato uwo bashyingiranywe :** igikorwa cyose kigamije imibonano mpuzabitsina gikozwe n'umwe mu bashyingiranywe nta bwumvikane bubayeho, hakoreshejwe ingufu, iterabwoba, uburiganya n'ibindi;

8° **guterura :** gutwara umuntu ukoresheje ingufu cyangwa amayeri hagamijwe kubana nk'abashyingiranywe;

9° **kwigarurira umuntu hagamijwe kwishimisha :** ibikorwa umuntu akorera undi agamije kwishimisha bishingiye ku gitsina, yitwaje igitsure, ububasha, umutungo cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose. Ibyo bikorwa bishobora kuba bigamije gukora imibonano mpuzabitsina, gukorakora, kwambika ubusa, gufata amafoto, kwerekana umuntu yambaye ubusa cyangwa kumukinisha imibonano mpuzabitsina, gukoresha igitsina ku yindi myanya y'umubiri n'ibindi;

them is legally married.

5° **adultery:** the fact of having sex with a person who is maried to someone else;

6° **rape:** the fact that a person is envolved into sexual intercourse without consent, by force, intimidation, trices and others;

7° **conjugal rape:** coercing a spouse into sexual relations without that spouse's consent, by way of force, intimidation, trices and others;

8° **forcible abduction:** abduction of someone by force or fraud for the purpose of marital union;

9° **sexual slavery aimed at achieving self-satisfaction:** using influencial authority, economic power or any other ways of achieving self sexual satisfaction. It may be aimed at sexual intercourse, physical touching, undress and photographing, exposing him/her, nakednesss and eroticism exhibition, making one's sex touch other parts of the body and others;

5° **adultère :** les relations sexuelles entre une personne légalement mariée avec une autre personne qui n'est pas son conjoint ;

6° **viol** : rapport sexuel imposé à une personne sans son consentement, à l'aide de la force, menace, ruse et autres ;

7° **viol conjugal** : tout acte visant les rapports sexuels avec son conjoint en l'absence de son consentement, par recours à la violence, la menace, la ruse et autres ;

8° **rapt :** enlèvement d'une personne par force ou par ruse en vue d'une union conjugale ;

9° **esclavage sexuel :** le fait d'abuser de l'autorité, des avoirs ou toute autre situation dans le but du plaisir basé sur le sexe. Il peut viser les relations sexuelles, les caresses, le déshabillement, la pornographie, l'exhibition de nudité ou d'érotisme, l'application du sexe sur les autres parties du corps et autres ;

10° **ibikorwa by'urukozasoni**: ibikorwa bibangamira umuco bishingiye ku gitsina, bikorewe umuntu uwo ari we wese;

11° **umuntu ugeze mu zabukuru :** umuntu wese urengeje imyaka mirongo itandatu n'itanu (65) y'amavuko;

12° **guhoza umuntu ku nkeke :** guhora ukorera umuntu ibikorwa bimubuza amahoro nko kumutoteza**,** kumucyurira, kumucunaguza, kumugaya, kumutuka n'ibindi.

**UMUTWE WA II: GUKUMIRA NO KURINDA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA**

**Ingingo ya 3: Gukangisha kubura ibyo afiteho uburenganzira**

Birabujijwe gukangisha undi kuba yabura ibyo afiteho uburenganzira, kugira ngo yemezwe gukorwaho igikorwa icyo ari cyo cyose cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

**Ingingo ya 4: Kubuza umudendezo uwo bashyingiranywe**

Birabujijwe kubuza umudendezo umwe mu bashyingiranywe, hakorwa ubuharike, ubushoreke cyangwa ubusambanyi.
Birabujijwe kubuza umwe mu bashyingiranywe umudendezo kubera impamvu z'inkwano, iz'urubyaro n'iz'imiterere kamere.

10° **indicency**: acts or behaviour different from good morals and politeness, degrading human being;

11° **elderly :** any person above sixty five (65) years of age;

12° **harassment:** putting someone in unrest condition by persecuting, nagging, scorning or insulting him/her and others;

**CHAPTER II: PREVENTION AND PROTECTION AGAINST GENDER-BASED VIOLENCE**

**Article 3: Threatening by way of deprivation of certain rights**

It is forbidden to use threat of depriving someone of certain rights for the purpose of having them induldge in any gender based violence act.

**Article 4: Distorting tranquility of one's spouse**

It is forbidden to distort tranquility of one's spouse due to polygamy, concubinage or adultery.
It is forbidden to distort tranquility of one's spouse because of dowary, reproduction and his/her natural phisionomy.

10° **actes indécents :** actes ou comportements contraires aux bonnes mœurs qui portent atteinte à la pudeur d'une personne ;

11° **personne âgée :** toute personne âgée de plus de soixante cinq (65) ans ;

12° **Harcelement :** agissements répétés et destabilisants à l'égard d'une personne tels que la persécuter, lui adresser des reproches, lui rappeler méchamment le mal qu'elle a fait dans le passé, la blâmer, l'insulter et autres ;

**CHAPITRE II: PREVENTION ET PROTECTION CONTRE LA VIOLENCE BASEE SUR LE GENRE**

**Article 3 : Menace de priver une personne de ses droits**

Il est interdit de menacer quelqu'un de le priver de ses droits en vue d'exercer sur lui tout acte de violence basée sur le genre.

**Article 4: Atteinte à la tranquilité du conjoint**

Il est interdit de porter atteinte à la tranquilité de l'un des conjoints, par voie de polygamie, de concubinage ou d'adultère.

Il est interdit de porter atteinte à la tranquilité de l'un des conjoints pour raison de dot, de reproduction et de sa constitution naturelle.

Birabujijwe guhoza ku nkeke, kuvutsa uburenganzira ku mutungo no ku murimo uwo mwashyingiranywe.

**Ingingo ya 5: Gukoresha ku gahato imibonano mpuzabitsina uwo bashyingiranywe**

Abashyingiranywe bafite uburenganzira bungana ku birebana n'imibonano mpuzabitsina, ubw'ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro.

Birabujijwe gukoresha ku gahato imibonano mpuzabitsina uwo bashyingiranywe.

**Ingingo ya 6: Ihohoterwa nk'impamvu y'ubutane**

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni imwe mu mpamvu ituma uwahohotewe asaba ubutane.

Igihe cy'ubutane, inyungu z'abana bakomoka ku bashyingiranywe zitabwaho hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 7: Kurinda umwana ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

Umubyeyi, umwishingizi w'umwana cyangwa undi muntu wese ushinzwe umwana agomba kumurinda impamvu iyo ari yo yose yatuma akorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Birabujijwe kutita ku mwana ushinzwe kurera,

It is forbidden to harass to deprive one's spouse of the right to property and to employment.

**Article 5: Conjugal rape**

Both spouses have equal rights as to sexual intercourse, reproductive health and family planning.

It is forbidden to make sex with one's spouse without one's consent.

**Article 6: Violence as the cause of divorce**

Gender based violence shall be one of the causes of divorce.

At the time divorce is being decided, the rights of children from the spouses shall be taken into account in accordance with the law.

**Article 7: Protecting a child against gender based violence**

The parent, trustee or any other person responsible for a child shall protect the latter against any gender based violence.

It shall be forbbiden not to cater for child

Il est interdit de porter atteinte à la tranquilité, aux droits au patrimoine et à l'emploi de son conjoint.

**Article 5 : Viol conjugal**

Les conjoints jouissent des droits égaux en matière de relations sexuelles, de la santé de reproduction et de planning familial.

Il est interdit de faire des relations sexuelles sans consentement de son conjoint.

**Article 6: Sévices comme cause de divorce**

La violence basée sur le genre est l'un des causes de demande de divorce.

Pendant l'instance du divorce, les intérêts des enfants issus du mariage sont pris en considération conformément à la loi.

**Article 7 : Protection de l'enfant contre la violence basée sur le genre**

Le parent, le tuteur de l'enfant ou toute autre personne en charge de l'enfant est tenu de le protéger contre toute situation susceptible de l'exposer à la violence basée sur le genre.

Il est interdit à une personne de ne pas prendre

kumukoresha icyamutesha agaciro cyangwa kumuhoza ku nkeke hashingiwe ku gitsina.

**Ingingo ya 8: Ikiruhuko cy'ububyeyi**

Umugore wabyaye ahabwa ikiruhuko cy'ububyeyi kingana n'amezi atatu (3) n'isaha yo konsa buri munsi w'akazi yumvikanye n'umukoresha we, mu gihe kingana n'amezi cumi n'abiri (12) uhereye igihe ikiruhuko cy'ububyeyi kirangiriye.

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko ku byerekeye ikiruhuko cy'ingoboka, umugore ubyaye umwana agapfa ataramara ukwezi, ahabwa ikiruhuko cy'ibyumweru bine (4) nyuma yo kubyara.

**Ingingo ya 9: Uburenganzira bw'umugore utwite cyangwa wabyaye**

Birabujijwe kwirukana ku kazi umugore kubera ko atwite cyangwa ari mu kiruhuko cy'ububyeyi.

Gutwita no kubyara ku munyeshuri ntibigomba kuba impamvu yo kuvutswa uburenganzira bwe mu myigire.

**Ingingo ya 10: Kurinda ihohoterwa, gutabara no kwita ku bahohotewe**

Birabujijwe gukoresha ibiyobyabwenge, amashusho, ibimenyetso, imvugo n'ibindi byaba

under one's trusteeship just because of whether the child is male or female.

**Article 8: Maternity leave**

Upon delivery, a woman shall have the right to a maternity leave of three (3) months and one hour per working day, agreed with the employer, to breast feed for a period of twelve (12) months after maternity leave.

Without prejudice to other legal provisions with regard to leaves, a woman who gives birth to a child and consequently the child dies before one month shall be entitled to four (4) weeks of leave after delivery.

**Article 9: Rights of a pregnant woman or of a woman who delivers**

It is forbidden to fire a woman just because she is pregnant or in maternity leave.

Pregnancy and delivery shall not constitute cause for depriving a student of her right to education.

**Article 10: Preventing violence and catering for the victims of violence**

It is forbidden to use drugs, films, signs, language, and other means with the intention

soins de l'enfant sous sa tutelle pour des raisons basées sur le genre.

**Article 8 : Congé de maternité**

Une femme qui a accouché bénéficie d'un congé de maternité de trois (3) mois et d'une heure d'allaitement par jour de travail, convenue entre elle et son employeur, et ce pendant douze (12) mois à compter de la fin du congé de maternité.

Sans préjudice des autres dispositions légales relatives au congé de circonstance, une femme qui accouche d'un enfant qui meurt avant d'avoir atteint un mois bénéficie d'un congé de quatre (4) semaines après l'accouchement.

**Article 9 : Droits d'une femme enceinte ou qui a accouché**

Il est interdit de licencier une femme sous pretexte qu'elle est enceinte ou en congé de maternité.

La grossesse et l'accouchement pour une étudiante ne doivent pas être la cause de privation de son droit à l'éducation.

**Article 10 : Prévention et d'assistance de la violence et assistance aux victimes de la violence**

Il est interdit d'user des stupéfiants, des images, des signes, des langages et d'autres moyens visant

bigamije ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Buri muntu wese agomba kurinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina, gutabara no gutabariza uwarikorewe.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo inzego za Leta zikumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Rigena kandi uburyo uwahohotewe yakirwa, ahumurizwa, arengerwa, avuzwa kandi akitabwaho mu rwego rwo kubungabunga ubuzima bwe.

**Ingingo ya 11: Gukumira ibikorwa by'urukozasoni**

Birabujijwe ku muntu wese kugira imyitwarire n'imyifatire iyo ari yo yose y'urukozasoni.

**UMUTWE WA III: IMANZA N'IBIHANO BY'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA**

**Icyiciro cya mbere: Imanza z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

**Ingingo ya 12: Aho urubanza ruburanishirizwa**

Mu gihe bitabangamiye urega, urubanza ku cyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ruburanishirizwa kandi rugasomerwa aho icyaha cyakorewe mu gihe bishoboka.

of exercising gender based violence.

Any person must prevent gender based violence, rescue and call for rescue the victims of this violence.

A Prime Minister's Order shall determine modalities in which government institutions prevent gender based violence and for receiving, relieving, defending, medicating and assisting the victim for the purpose of rehabilitating his/her health.

**Article 11: Prevention of indecent acts**

It is forbidden for any person to have any indecent conduct and behaviour.

**CHAPTER III: CASES AND PENALTIES FOR GENDER BASED VIOLENCE**

**Section One: Cases relating to gender based violence**

**Article 12: Place of hearing**

Where it is convenient for the victim, gender based violence related cases shall be heard and pronounced at the scene of the crime if possible.

la violence basée sur le genre.

Toute personne a l'obligation de prévention contre la violence basée sur le genre, d'assitance et d'appel à l'assistance en faveur de la victime de la violence.

Un arêté du Premier Ministre détermine les modalités de prévention contre la violence par les Organes de l'Etat. Il détermine également les mécanismes d'accueil, de soulagement, de défense, de soins et d'assistance à la victime en vue de la réhabilitation de sa santé.

**Article 11 : Prévention contre actes d'outrage aux bonnes mœurs**

La conduite et le comportement attentatoires à la pudeur à l'endroit de qui que ce soit sont interdites.

**CHAPITRE III : PROCES ET PEINES CONTRE LA VIOLENCE BASEE SUR LE GENRE**

**Section première : Procès en matière de violence basée sur le genre**

**Article 12 : Lieu de jugement du procès**

Sans préjudicier la victime, le jugement relatif à l'infraction de violence basée sur le genre est rendu et prononcé dans la mesure du possible sur les lieux de la commission de l'infraction.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Itangwa ry'ubuhamya n'ibimenyetso**

Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko, ibimenyetso cyangwa ubuhamya byerekeranye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bitangwa mu nkiko na buri wese ubifitiye amakuru.

Ubuhamya butanzwe n'abana, abandi bantu baba mu rugo n'abaturanyi bwitabwaho.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Ibihano by'ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

**<u>Ingingo ya 1</u>4: Igihano cy'icyaha cy' ubusambanyi**

Umuntu wese uhamwe n'icyaha cy'ubusambanyi ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2).

Ibihano biteganyijwe mu gika kibanziriza iki ni byo bihanishwa uwo basambanye.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Gukurikirana icyaha cy'ubusambanyi**

Gukurikirana icyaha cy'ubusambanyi ntibishobora kuba hatareze uwahemukiwe mu bashyingiranywe.

Uwahemukiwe ashobora guhagarika ikurikirana

**<u>Article 13</u>: Production of evidences and testimonies**

Notwithstanding other legal provisions, evidences or testimonies related to gender based violence shall be produced in the courts by any person holding them.

Testimonies given by children and other people living in the household as well as those produced by neighbours shall be taken into account.

**Section 2: Penalties for gender based violence offences**

**<u>Article 14</u>: Penalty for adultery**

Any person convicted with adultery shall be liable to imprisonment sentence of between six (6) months and two (2) years.

Penalties provided for in the preceding paragraph shall apply to the co-offender envolved in adultery.

**<u>Article 15</u>: Prosecution for adultery**

Prosecution for adultery shall not be started unless the offender's spouse so claims.

The offender's spouse may, at any step of

**<u>Article 13</u> : Administration du témoignage et de la preuve**

Sous réserve des dispositions d'autres lois, la preuve ou le témoignage relatif à la violence basée sur le genre est fourni devant les juridictions par tout intéressé qui en détient l'information.

Le témoignage présenté par les enfants, les autres personnes vivant en famille et par les voisins sont pris en considération.

**Section 2 : Peines pour infractions de violence basée sur le genre**

**<u>Article 14</u> : Peine pour cause d'adultère**

Toute personne reconnue coupable d'adultère est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans.

Le coauteur d'adultère est puni des mêmes peines prévues à l'alinéa précédent.

**<u>Article 15</u> : Poursuites de l'infraction d'adultère**

Les poursuites de l'infraction d'adultère ne peuvent être exercées que sur plainte du conjoint offensé.

Le conjoint victime peut faire mettre fin aux

ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye. Ashobora kandi guhagarika irangiza ry'urubanza.

Iryo hagarika ry'ikurikirana ry'urubanza cyangwa irangizwa ryarwo bireba abakoranye na we icyo cyaha.

**Ingingo ya 16: Igihano cy'uwafashe undi ku ngufu**

Umuntu wese uhamwe n'icyaha cyo gufata undi ku ngufu ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Iyo uwafashwe ku ngufu byamuteye indwara, yaba iyo ku mubiri cyangwa iyo mu mutwe, uwakoze icyo cyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20) kandi agatanga n'amafaranga yo kuvuza uwo yafashe ku ngufu.

Iyo iyo ndwara idashobora gukira cyangwa bimuviriyemo urupfu, uwakoze icyo cyaha ahanishwa gufungwa burundu.

**Ingingo ya 17: Igihano cy'uwateruye cyangwa wagize uruhare mu guterura**

Guterura bihanishwa igifungo kuva ku myaka itanu (5) kugeza ku myaka umunani (8) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi ijana (100.000 Frw) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000 Frw).

procedings, decide to withdraw the case. He/she may also suspend jugement execution.

Such withdrawal or suspension shall apply to both persons envolved in adultery.

**Article 16: Penalty for rape**

Any person who is guilty with rape shall be liable to imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Where rape has resulted in a bodily or a mental illness, the person guilty with rape shall be liable to imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years and medical care fees for the person raped shall be bone by him/her.

Where rape has resulted in a terminal illness or death, the guilty person shall be liable to life imprisonment.

**Article 17: Penalty for abduction**

Abduction shall be liable to imprisonment of five (5) years to eight (8) years and a fine between one hundred thousand Rwandan francs (100. 000 Rwf) and two hundred thousand Rwandan francs (200,000 Rwf).

poursuites, à tous les degrés de la procédure, en cas de rétractation. Il peut également faire arrêter l'exécution du jugement.

Cet arrêt des poursuites et de l'exécution du jugement concerne les co-auteurs de cette infraction.

**Article 16 : Peine pour viol**

Toute personne reconnue coupable de viol est passible d'une peine d'emprisonnement de dix (10) à quinze (15) ans.

Lorsque le viol a causé à la victime une maladie physique ou mentale, le coupable est puni d'emprisonnement de quinze (15) à vingt (20) ans et est astreint à payer les frais des soins médicaux pour le compte de la victime.

Lorsque la maladie est incurable ou si le viol a occasionné la mort, le coupable est puni de l'emprisonnement à perpetuité.

**Article 17: Peine pour rapt ou complicité du rapt**

Le rapt est puni d'une peine d'emprisonnement de cinq (5) à huit (8) ans et d'une amende de cent mille (100.000 Frw) à deux cent mille (200.000 Frw) francs rwandais.

Uwagize uruhare mu gikorwa cyo guterura ahanishwa ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

The penalty and fine provided for in paragraph One of this Article shall apply to any person envolved in abduction.

Le complice du rapt est passible des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Igihano cy'utita ku mwana hashingiwe ku gitsina**

Umuntu wese utita ku mwana yabyaye kubera ko ari umuhungu cyangwa umukobwa, akamutoteza cyangwa agatoteza uwo bamubyaranye, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itatu (3).

Umuntu wese utita ku mwana ashinzwe kurera ashingiye ku gitsina, ahanishwa ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**<u>Article 18</u>: Penalty for child neglect because of his/her sex**

Any person who does not care for his/her child or exercise harassment on him/her because of whether the latter is a boy or a girl or exercise harassment on his/her spouse shall be liable to imprisonment of six (6) months to three (3) years.

Any person who does not care for the child he is responsable for because of whether the latter is a boy or a girl shall be liable to penalties referred to in the paragraph One of this Article.

**<u>Article 18</u>: Peine pour délaissement de l'enfant en raison de son sexe**

Toute personne coupable du délaissement de son enfant par le simple fait qu'il est un garçon ou une fille, qui le harcèle ou exerce des sévices sur son partenaire à cause de cette enfant, est punie de la peine d'emprisonnement de six (6) mois à trois (3) ans.

Toute personne coupable du délaissement d'un enfant à sa charge à cause du sexe de ce dernier est passible des peines visées à l'alinéa premier du présent article.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Igihano cy'ukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato uwo bashyingiranywe**

Ukoresheje imibonano mpuzabitsina ku gahato uwo bashyingiranywe ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2).

**<u>Article 19</u>: Penalty for conjugal rape**

Any person who coerces his/her spouse to sexual intercourse shall be liable to imprisonment of six (6) months to two (2) years.

**<u>Article 19</u> : Peine pour viol conjugal**

Toute personne qui force son conjoint à faire des relations sexuelles est punie de l'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans.

**<u>Ingingo ya 20</u>: Igihano cy'uhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe**

Ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2), umuntu wese ugaragaweho igikorwa cyo guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe.

**<u>Article 20</u>: Penalty for harassing one's spouse**

Any person guilty of harassing his/her spouse shall be liable to imprisonment of six (6) to two (2) years.

**<u>Article 20</u> : Peine pour harcèlement du conjoint**

Est punie d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans, toute personne qui exerce un acte de harcèlement sur son conjoint.

**Ingingo ya 21: Igihano cy'uwagaragaweho igikorwa cy'ubushoreke**

Ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka ine (4) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi ijana (100.000 Frw) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000 Frw) umuntu wese ugaragaweho igikorwa cy'ubushoreke.

Ahanishwa ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo umuntu wese wemeye kuba inshoreke.

**Ingingo ya 22: Igihano cy'ubuharike**

Ahanishwa igifungo cy'imyaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi magana atatu (300.000 Frw) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000 Frw), umuntu wese washyingiranwe n'undi amasezerano y'ubushyingiranywe ya mbere agifite agaciro.

Ahanishwa ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umuntu wese wemeye gushyingiranwa n'undi azi ko uwo wundi asanganywe isezerano ry'ubushyingiranwe.

Umuntu wese ugize uruhare mu gikorwa cy'ubuharike abigambiriye atanga ibyangombwa cyangwa yakira amasezerano y'ubushyingiranwe, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu (5) kugeza ku myaka umunani (8).

**Article 21: Penalty for concubinage**

Any person guilty of concubinage shall be liable to imprisonment of two (2) years to four (4) years and a fine between one hundred thousand (100,000 Rwf) to two hundred thousand (200,000 Rwf) Rwandan francs**.**

Penalties provided for paragraph One of this Article shall apply to any person accepting to become a concubine**.**

**Article 22: Penalty for polygamy**

Any person guilty of getting married while there still exist a valid marriage contract between him/her and someone else shall be liable to imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine between three hundred thousand (300,000 Rwf) Rwandan francs and five hundred thousand (500,000 Rwf) Rwandan francs.

Penalties provided for in the paragraph One of this Article shall apply to any person who accepts to get married to someone else knowing that the latter has an other valid marriage contract with someone else.

Any person involved intentionally in polygamy by issuing documents or officiating marriage shall be liable to imprisonment sentence of five (5) years to eight (8) years.

**Article 21 : Peine pour concubinage**

Est punie d'une peine d'emprisonnement de deux (2) à quatre (4) ans et d'une amende de cent mille (100.000 Frw) à deux cent mille (200.000 Frw) francs rwandais toute personne qui commet un acte de concubinage.

Est punie des peines visées à l'alinéa premier du présent article toute personne qui consent au concubinage.

**Article 22 : Peine pour polygamie**

Est punie d'une peine d'emprisonnement de trois (3) à cinq (5) ans et d'une amende de trois cent mille (300.000 Frw) à cinq cent mille (500.000 Frw) francs rwandais, toute personne qui conclut un deuxième mariage alors que le premier contrat de mariage est encore valide.

Est punie des peines visées à l'alinéa premier du présent article, toute personne qui consent au mariage sachant que son partenaire est encore engagé dans un autre mariage.

Toute personne ayant contribué de bonne foi à l'acte de polygamie en délivrant des documents ou en validant le contrat de mariage est punie d'une peine d'emprisonnement de cinq (5) à huit (8) ans.

**Ingingo ya 23: Igihano cy'uwigarurira umuntu hagamijwe kwishimisha**

Ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi magana atanu (500.000 frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000 frw), umuntu wese uhamwe n'icyaha cyo kwigarurira umuntu hagamijwe kwishimisha bishingiye ku gitsina.

**Ingingo ya 24: Igihano cy'uhoza uwo akuriye mu kazi ku nkeke bishingiye ku gitsina**

Ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi ijana (100.000 Frw) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000 Frw), umukoresha cyangwa undi wese witwaza imirimo ashinzwe agahoza uwo akuriye mu kazi ku nkeke akoresheje amabwiriza, ibikangisho n'iterabwoba agamije kwishimisha bishingiye ku gitsina.

**Ingingo ya 25: Igihano cy'uwishe uwo bashyingiranywe**

Bitabangamiye ibiteganywa n'Igitabo cy'Amategeko Ahana ibyaha, ahanishwa igifungo cya burundu, umuntu wese wishe uwo bashyingiranywe.

**Article 23 Penalty for sexual slavery**

Any person guilty of sexual slavery shall be liable to imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years and a fine between five hundred thousand (500,000 Rwf) Rwandan francs and one million (1,000,000 Rwf) Rwandan francs.

**Article 24: Penalty for sexual harassment of one's subordinate**

Any employer or any other person guilty of exercising sexual harassment by way of orders, intimidation and terror over a person he/she leads shall be liable to imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine between one hundred thousand (100,000 Rwf) Rwandan francs and two hundred thousand (200,000 Rwf) Rwandan francs.

**Article 25: Penalty for someone who kills his/her spouse**

Subject to the provisions of the Penal Code, any person guilty of killing his/her spouse shall be liable to life imprisonment.

**Article 23 : Peine pour harcèlement sexuel**

Est punie d'une peine d'emprisonnement de dix (10) à quinze (15) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000 Frw) à un million (1.000.000 Frw) de francs rwandais, toute personne reconnue coupable du harcèlement sexuel.

**Article 24: Peine pour harcèlement sexuel envers son subalterne**

Est puni d'une peine d'emprisonnement de deux (2) à cinq (5) ans et d'une amende de cent mille (100.000 Frw) à deux cent mille (200.000 Frw) francs rwandais, un employeur ou toute autre personne qui use de ses fonctions pour harceler son subalterne par des instructions, des menaces et de la terreur dans le but du plaisir sexuel.

**Article 25 : Peine pour meurtre du conjoint**

Sous réserve des dispositions du Code Pénal, est punie d'une peine d'emprisonnement à perpétuité, toute personne reconnue coupable du meurtre de son conjoint.

**Ingingo ya 26: Igihano cy'ubuza umudendezo uwo bashyingiranywe ashingiye ku gitsina**

Umuntu wese uhamwe n'icyaha cy'ihohoterwa kivugwa mu gika cya 2 n'icya 3 cy'ingingo ya 4 y'iri tegeko ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000 Frw) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000 Frw).

**Ingingo ya 27: Igihano cy'uwangiza imyanya ndangagitsina**

Uwakoze ihohoterwa, yangiza cyangwa agamije kwangiza imyanya ndangagitsina ahanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko.

**Ingingo ya 28: Igihano cy'ucuruza abantu bishingiye ku gitsina**

Umuntu wese uhamwe n'igikorwa cyo gucuruza abantu bishingiye ku gitsina, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza kuri makumyabiri (20) n'ihazabu yo kuva ku mafaranga ibihumbi magana atanu (500.000 Frw) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000 Frw).

**Article 26: Penalty for distorting tranquility of one's spouse on sexual grounds**

Any person guilty of the offence referred to in paragraph 2 and 3 of Article 4 of this Law shall be liable to imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine between fifty thousand (50,000 Rwf) Rwandan francs and two hundred thousand (200,000 Rwf) Rwandan francs.

**Article 27: Penalty for sexual torture**

Any person guilty of violence by exercising sexual torture or intending to commit sexual torture shall be liable to the life imprisonment with special provisions.

**Article 28: Penalty for gender based human trafficking**

Any person guilty of gender based human trafficking shall be liable to imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years and a fine between five hundred thousand (500,000 Rwf) Rwandan francs and two million (2,000,000 Rwf) Rwandan francs.

**Article 26: Peine pour atteinte à la tranquilité de son conjoint pour des raisons sexuelles**

Toute personne reconnue coupable de l'infraction visée aux alinéas 2 et 3 de l'article 4 de la présente loi, est punie d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000 Frw) à deux cent mille (200.000 Frw) francs rwandais.

**Article 27 : Peine pour torture sexuelle**

Toute personne coupable de torture ou de tentative de torture sexuelle est passible d'une peine de réclusion criminelle à perpetuité.

**Article 28: Peine pour trafic sexuel de personnes**

Toute personne reconnue coupable du trafic sexuel de personnes est punie d'une peine d'emprisonnement de quinze (15) à vingt (20) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000 Frw) à deux millions (2.000.000 Frw) de francs rwandais.

**Ingingo ya 29: Igihano cy'uwanduza umuntu indwara idakira yabigambiriye**

Umuntu wese ukoresheje undi imibonano mpuzabitsina agambiriye kumwanduza indwara idakira ahanishwa igifungo cya burundu.

**Ingingo ya 30: Igihano cy'ihohoterwa rikoresheje imiti, ibiyobyabwenge, amashusho, ibimenyetso, imvugo cyangwa inyandiko**

Umuntu wese ukoresheje imiti, ibiyobyabwenge, amashusho, ibimenyetso, imvugo cyangwa inyandiko, agamije ko hakorwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu (5) kugeza ku myaka umunani (8) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi ijana (100.000 Frw) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000 Frw).

**Ingingo ya 31: Igihano cy'ibikorwa by'urukozasoni bishingiye ku gitsina**

Umuntu wese wakoreye undi ibikorwa by'urukozasoni bishingiye ku gitsina, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu kuva ku mafaranga ibihumbi ijana (100.000 Frw) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000 Frw).

**Article 29: Penalty for intentionally transmitting a terminal disease**

Any person guilty of intentionally transmitting a terminal disease by sexual way to someone else shall be liable to life imprisonment.

**Article 30: Violence stirred up by the use narcotic drugs, pictures, signs, language or writing**

Any person guilty of using drugs**,** narcotics, pictures, signs, language or writing to stir up sexual violence shall be liable to imprisonment sentence of between five (5) years and eighty ( 8) years and a fine between one hundred thousand (100,000 Rwf) and two hundred thousand (200,000 Rwf) Rwandan francs.

**Article 31: Penalty for committing sexually indecent acts**

Any person guilty of committing sexually indecent acts against someone shall be liable to imprisonment sentence of between two (2) years and five (5) years and a fine between one hundred thousand (100,000 Rwf) and two hundred thousand (200,000 Rwf) Rwandan francs.

**Article 29: Peine pour contamination volontaire d'une maladie incurable**

Toute personne coupable de la contamination volontaire d'une maladie incurable par voie sexuelle est punie d'une peine d'emprisonnement à perpetuité.

**Article 30: Peine pour violence causée par l'usage des médicaments, des stupéfiants, des images, des gestes, de langages ou écrits**

Toute personne utilisant les stupéfiants, les médicaments, les images, les gestes, les langages ou les écrits, dans le but de commettre la violence basée sur le genre est passible d'une peine d'emprisonnement de cinq (5) à huit (8) ans et d'une amende de cent mille (100.000 Frw) à deux cent mille (200.000 Frw) francs rwandais.

**Article 31: Peine pour outrage aux bonnes moeurs basées sur le genre**

Toute personne qui exerce sur autrui les actes attentatoires aux bonnes moeurs basées sur le genre, est punie d'une peine d'emprisonnement de deux (2) à cinq (5) ans et d'une amende de cent mille (100.000 Frw) à deux cent mille (200.000 Frw) francs rwandais.

**Ingingo ya 32: Igihano cy'ihohoterwa rikorewe ugeze mu za bukuru**

Ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi magana atanu (500.000 Frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000 Frw), umuntu wese ukoreye ihohoterwa rishingiye ku gitsina ugeze mu zabukuru.

**Ingingo ya 33: Igihano cy'ihohoterwa rikorewe ufite ubumuga**

Ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi magana atanu (500.000 Frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000 Frw), umuntu wese ukoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku muntu ufite ubumuga.

**Ingingo ya 34: Igihano cy'ihohoterwa rigamije gutesha umuntu agaciro cyangwa kugatesha umurimo we**

Ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi ijana (100.000 Frw) kugeza ku bihumbi magana atatu (300.000 Frw), umuntu wese usebya, utoteza undi kubera ko ari umugore cyangwa umugabo, hagamijwe kumutesha agaciro cyangwa kugatesha umurimo we**.**

**Article 32: Penalty for violence against an eldery person**

Any person guilty of sexual violence against an eldery person shall be liable to imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years and a fine between five hundred thousand (500,000 Rwf) and one million (1.000,000 Rwf) Rwandan francs.

**Article 33: Penalty for violence against a handicapped person**

Any person guilty of sexual violence against a handicapped person shall be liable to imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years and a fine between five hundred thousand (500,000 Rwf) and one million (1.000,000 Rwf) Rwandan francs.

**Article 34: Penalty for defaming a person or his/her job**

Shall be liable to imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine between one hundred thousand (100,000 Frw) and three hundred thousand (300,000 Frw) Rwandan francs, any person guilty of defaming or pressurising someone just on the grounds of being woman or a man aiming at disparaging his/her personality or his/her work.

**Article 32: Peine pour violence contre les personnes âgées**

Est punie d'une peine d'emprisonnement de dix (10) à quinze (15) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000 Frw) à un million (1.000.000 Frw) de francs rwandais, toute personne ayant commis la violence basée sur le genre contre une personne âgée.

**Article 33: Peine pour violence contre les personnes handicapées**

Est punie d'une peine d'emprisonnement de dix (10) à quinze (15) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000 Frw) à un million (1.000.000 Frw) de francs rwandais, toute personne ayant commis la violence basée sur le genre contre une personne handicapée.

**Article 34: Peine pour violence visant la diffamation d'une personne ou de son travail**

Est punie d'une peine d'emprisonnement de deux (2) à cinq (5) ans et d'une amende de cent mille (100.000 Frw) à trois cent mille (300.000 Frw) francs rwandais, toute personne coupable de diffamation ou de harcèlement à l'égard d'une personne sous pretexte qu'elle est une femme ou un homme, dans le but de porter atteinte à son estime ou à celui de son travail.

**Ingingo ya 35: Igihano cy'ihohoterwa rikoresheje ibikangisho byo gutakaza ibyo ufiteho uburenganzira**

Umuntu wese uhohoteye undi amukangisha gutakaza ibyo afiteho uburenganzira, agamije kumukoraho cyangwa akamukoraho igikorwa icyo ari cyo cyose gishingiye ku gitsina, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi ijana (100.000 Frw) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000 Frw).

**Article 35: Penalty for violence on the grounds of depriving someone of his/her rights**

Any person who disturbs someone else on grounds of depriving the latter of his/her rights in order to have him/her in any gender based act shall be liable to imprisonment of six (6) months and two (2) years and a fine between one hundred thousand (100,000 Rwf) and five hundred thousand (500,000 Rwf) Rwandan francs.

**Article 35: Peine pour violence basée sur les menaces de perte de ses droits**

Toute personne menaçant une autre personne de la privation de ses droits dans le but de tenter de poser ou de poser sur celle-ci tout acte basé sur le genre, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cent mille (100.000 Frw) à cinq cent mille (500.000 Frw) francs rwandais.

**Ingingo ya 36: Igihano cy'uwanga gutabara uwahohotewe cyangwa uwanga gutanga ubuhamya ku ihohoterwa**

Umuntu wese wanze gutabara cyangwa gutabariza uwakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina, uwanze gutanga ubuhamya ku ihohoterwa ryamukorewe cyangwa ryakorewe undi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000 frw) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000 frw), cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**Article 36: Penalty for a person refusing to assist the victim of violence or to testify over the violence**

Any person who refuses to assist the victim of violence or to testify over the violence against himself or herself or against someone else shall be liable to imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine between fifty thousand (50,000 Rwf) and two hundred thousand (200,000 Rwf) Rwandan francs or one of those penalities.

**Article 36: Peine pour non assistance à la victime de la violence ou refus de témoigner sur la violence**

Toute personne qui ne porte pas assistance à la victime de violence basée sur le genre ou refuse de témoigner sur la violence commise contre elle-même ou contre une tierce personne est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000 Frw) à deux cent mille (200.000 Frw) francs rwandais ou l'une de ces peines.

**Ingingo ya 37: Igihano cy'uwabeshyeye undi icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

Umuntu wese uhamwe n'icyaha cyo kubeshyera undi ko yakoze icyaha cy'ihohoterwa rishingiye

**Article 37: Penalty for lying against somebody of having committed gender based violence**

Any person who lies against someone of having committed a crime of gender based

**Article 37: Peine pour fausse accusation de violence basée sur le genre**

Toute personne reconnue coupable d'avoir faussement accusé une autre personne d'avoir

ku gitsina giteganywa n'iri tegeko ahanishwa ibihano biteganywa n'amategeko mpanabyaha.

violence provided for by this law shall be punished by the relevant penal legal provisions

commis une infraction de violence basée sur le genre prévue par la présente loi est punie conformément aux dispositions légales pénales en la matière.

## UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

## CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

## CHAPITRE IV : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

### Ingingo ya 38: Indishyi

Ukorewe icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'undi wese cyagizeho ingaruka afite uburenganzira bwo kuregera indishyi.

### Article 38: Damages

Any victim of gender based violence or any other person affected by such violence shall have the right to claim for damages.

### Article 38 : Dommages et intérêts

La victime de la violence basée sur le genre et toute autre personne affectée a droit à saisir les juridictions pour dommages et intérêts.

### Ingingo ya 39: Ishyingiranwa n'igabana ry'umutungo w'ababanaga ku buryo butemwe n'amategeko

Ababanaga nk'umugore n'umugabo batashyingiranywe mu buryo buteganywa n'amategeko, bashyingirwa hakurikije ihame ry'ubushyingiranywe bw'umugabo umwe n'umugore umwe.

Mu gihe umwe mu barebwa n'ibivugwa mu gika kibanziriza iki, yabanaga n'abagore cyangwa n'abagabo benshi, abanza kugabana ku buryo bungana na buri wese mu bo babanaga, umutungo bari bafitanye cyangwa bahahanye mbere y'uko ashyingirwa.

Igabana ry'umutungo rivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ntirivutsa abana babyaranye uburenganzira bahabwa n'amategeko.

### Article 39: Legalizing unlawful marriages and commun assets distribution

Those people entertaining unlawful marriages shall be married in accordance with the monogamous principle.

If a person concerned with the provision of previous paragraph of this Article was living with many husbands/wives, he shall first of all share the commonly owned belongings with those husbands/wives equally.

The property distribution referred to in paragraph 2 of this Article shall not entrench on the children's legally recognized rights.

### Article 39: Légalisation d'unions illégales et partage de biens communs

Les ménages entretenant des unions conjugales illégales se marient selon le principe de mariage monogamique.

Lorsqu'une personne concernée par les dispositions de l'alinéa précedent du présent article vivait avec plusieurs femmes ou hommes, il procède d'abord au partage égal entre ces femmes ou hommes de leurs biens communs d'avant son mariage.

Le partage des biens visés à l'alinéa 2 du présent article ne prive pas les enfants du droit que la loi leur confère.

Ibikurikizwa muri iryo gabana bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.

**<u>Ingingo ya 40</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 41</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali kuwa **10/09/2008**

Perezida wa Repubulika
**KAGAME Paul**
**(sé)**

Minisitiri w'Intebe
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

Modalities of such distribution shall be determined by an Order of the Minister in charge of Local Government.

**<u>Article 40</u>: Abrogating provisions**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**<u>Article 41</u>: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **10/09/2008**

The President of the Republic
**KAGAME Paul**
**(sé)**

The Prime Minister
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice/ Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

Les modalités de ce partage sont fixées par arrêté du Ministre ayant l'Administration Locale dans ses attributions.

**<u>Article 40</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Article 41</u> : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **10/09/2008**

Le Président de la République
**KAGAME Paul**
**(sé)**

Le premier Ministre
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**